# INTARA Y'IBURASIRAZUBA-AKARERE KA RWAMAGANA

# IRUSHANWA RY'IKINYARWANDA UMWAKA WA GATANDATU 2013

**UMWANDIKO:**

**Umwana w'ingayi**

Mu Rwanda hose banga umwana ugaya igaburo bamuhaye. Kenshi na kenshi n'ibyo arya abirya abitamo amarira kuko babimuhana inkoni. Kandi n'ubwo yarya byinshi bwa he, ntajya ashyira uturaso ku mubiri! Iyo abonye abandi bana barya abagirira ishyari, akeka ko ari bo batuma ahabwa ibyo yita bike.

Hakubereyeho umwana iyo ngeso iza kumwokama. Bukeye nyina agira atya arapfa, se azana undi mugore. Muka se uwo yamugaburira nk'uko nyina yamugaburiraga, akabigaya. Muka se agahera ko akabimushikuza akanamukubita inkonji mu mutwe. Umwana akaboroga, akirukira hanze yomongana; bya biryo yagayaga abandi bana bakabyirira.

Se w'uwo mwana na we ntabyiteho kuko yari azi neza ko ari indashoboka.
Haciye iminsi, umwana ahinduka ingegera, asigara atunzwe no kwiba ibyo arya mu mazu ya rubanda. Umusatsi umuhirimbiriraho, inzara z'intoki n'iz'ibirenge zirashokonkora; ubwo amavunja amwarika wese.

Abandi bana bamubona mu bihuru aho abunze yihishe bakamukwena, bati "nguwo maguru y'urubabara ya rubabura birenge, iyo ajya kuba rubebe yangana na rubanda."

Ngicyo igisingizo cy'umwana w'ingayi, watoye ingeso mbi y'ubusambo.

**IGICE CYA MBERE: Umwandiko n'imiterere y'ururimi.**

**I. KUMVA UMWANDIKO.**

1. Kuki umwana w'ingayi arya abitamo amarira?

______________________________________________

2. Ni iki kigaragaza ko agirira abandi bana ishyari?

______________________________________________

3. Kuki se w'uyu mwana yashatse undi mugore?

______________________________________________

4. Ni iyihe ngeso ivugwa muri uyu mwandiko?

______________________________________________

5. Nyuma yo kuva mu rugo iwabo uyu mwana yagiye kuba he?

______________________________________________

6. Subiza **yego** cg **oya**

   a. Uyu mwana yari afite ababyeyi bombi.

   ____________________

b. Uyu mwana yari indashoboka kuko na se yari abizi neza.

____________________

c. Mu duce tumwe na tumwe tw'u Rwanda banga umwana ugaya.

____________________

d. Umwana ugaya ibyo bamuhaye, ntashyira uturaso ku mubiri.

____________________

e. Uyu mwana aremeza ko abandi bana ari bo batuma ahabwa bikeya.

____________________

## II. INYUNGURAMAGAMBO

7. Uzurisha izi nteruro amagambo ukuye mu mwandiko.

a. ____________________ ivuna igufwa ntivura ingeso.

b. Semahe yigize ____________________ ku ishuri none bamutumye ababyeyi.

c. Tugomba kwirinda ________________ bikikije urugo rwacu kugira ngo turwanye malariya.

d. Iyi ____________________ ivugwa muri uyu mwandiko ni mbi cyane.

e. Bamukubise none yarize ____________________ aratemba agera ku birenge.

8. Andika imbusane z'aya magambo.

a. Akabigaya ≠ ____________________

b. Bikeya ≠ ____________________

c. Kuzamuka ≠ ____________________

d. Kwinikiza ≠ ____________________

9. Andika imvugakimwe z'aya magambo.

a. Ikibondo = ____________________

b. Bakamukwena = ____________________

c. Barya = ____________________

d. Igaburo = ____________________

## III. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI

10. Andika umugani w'umugenurano uganisha ku busambo.

________________________________________

________________________________________

11. Huza ibisobanura kimwe.

| | |
|---|---|
| a. Guta inyuma ya Huye | A. Guhaga cyane |
| b. Gutera imboni | B. Gukora iyo bwabaga |
| c. Kugenda muti wa mperezayo | C. Kugenda ntugaruka |
| d. Kugwa ivutu | D. Kurabukwa umuntu cg ikintu |
| e. Kwinyara mu isunzu | E. Kubwira umuntu utumwa |

12. Sakwe! Sakwe!

a. Mutamu irabyina mu gatabire ______________________

b. Inka yanjye nyikama igaramye______________________

c. Nararanye n'inyamaswa mbura amajanja ______________________

d. Iranyaruka ngo ba! ______________________

## IV. IKIBONEZAMVUGO

13. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo:

a. Urya mwana yari afite ingesombin'abandi bana bose babizi.

urya: ______________________

yari: ______________________

ingeso: ______________________

mbi: ______________________

bose: ______________________

b. Mwa bana mwe kuki mutabahaye amakaye yabo?

mwa: ______________________

mwe: ______________________

yabo: ______________________

14. Erekana **intego n'inteko** by'amagambo akurikira mu mwandiko.

a. Ingeso: ______________________

b. Byinshi: ______________________

c. Umwana: ______________________

d. Intoki: ______________________

e. Ubusambo: ______________________

15. **Shyira iyi nteruro mu bindi bihe bikuru by'ishinga.**

Uwo mwana yari indakoreka

______________________

16. Andika amzina y'utu twatuzo hanyuma utange urugero rw'interuro yererekana uko dukoreshwa.

a. ? ______________________

b. " " ______________________

c. . ______________________

d. ! ______________________

17. a. Andika byibura ibintu bine bigaragaza ko inyandiko ari iy'ikinyamakuru.

______________________

______________________

______________________

______________________

b. Andika ibintu bibiri bya ngombwa kugira ngo ube wakwandika inyandiko y'ikinyamakuru.

______________________

______________________

18. Utagaragaje isesengura, andika integeko ry'iganamajwi rikoreshwa kuri buri jambo. Wandike neza ibimenyetso.

a. Abeza: ______________________

b. Insina: ______________________

c. Igitondo: ______________________

d. Inzira: ______________________

e. Abana: ______________________

f. Imvaho: ______________________

19. Andika imimaro y'amagambo aciyeho akarongo muri iyi nteruro.

<u>Abanabagiriwenezana</u> barumuna <u>babo</u>.

a. Abana: ______________________

b. bagiriwe: ______________________

c. neza: ______________________

d. na: ______________________

e. babo: ______________________

20. Sanisha mu **nteko ya 2** no mu **nteko ya 16.**

Uyu muntu ndamukunda cyane.

______________________ (nt 2)

______________________ (nt 16)

## V. IKESHAMVUGO

21. Simbuza amagambo ari mu dukubo amagambo yabugenewe

a. Nasanze Sogokuru (atangiye gukama)

______________________

b. (Manika) icyo gisabo nurangiza uze (wigizeyo) iyi (fu inoze cyane)

______________________

c. Jye sinkunda (amata yaraye)

______________________

22. Andika neza interuro zanditse nabi.

a. Kugirango dutsinde tujye dusabanurirana.

______________________

b. Pariki yibirunga niyo ituwe n'ingagi.

______________________

c. Ntwa utifuza kuzaza mu myanya ya mbere.

______________________

d. Nyiribyago ahombye nka uwa mbere.

______________________

e. Icyo gihe twari dutuye ibutare, twimukira I Kabwayi.

______________________

**MBIFURIJE GUTSINDA!!**